**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA HUYE**
**E-mail: info@huye.gov.rw**
**Website: www.huye.gov.rw**

## ITANGAZO RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA GUKORESHA IBAGIRO RITO RY'INGURUBE

Ubuyobozi bw'Akarere ka Huye buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa gupiganira gukoresha ibagiro rito ry'ingurube *(Small size Pig Slaughter house)* riherereye mu murenge wa Ruhashya Akagari ka Karama, Umudugudu wa Nyakigezi ryubatswe ku bufatanye hagati y'Akarere n'Umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi (PRISM), wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), ukorera mu Kigo Gishinzwe Guteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

Ubuyobozi bw'Akarere bukaba bwifuza kwegurira ba Rwiyemezamirimo (Koperative/Sosiyete) mu rwego rw'ubufatanye rw'abikorera hamwe na Leta (Public Private Partnership), gukoresha ibagiro rito ry'ingurube rivuzwe haruguru, ubuyobozi bw'akarere bukaba buhamagarira abantu bose bujuje ibisabwa kwitabira iri piganwa.

1. **Ibisabwa ushaka gukoresha ibagiro rito ry'ingurube:**
   - Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere, isaba gukoresha ibagiro rito ry'ingurube ryavuzwe haruguru agaragaza igiciro cy'ubukode azishyura ku kwezi
   - Mu ibaruwa ivuzwe haruguru, usaba agaragaza icyangombwa cya Koperative (icyangombwa cy'ubuzimagatozi gitangwa na RCA) cyangwa Kampani (Icyemezo cy'iyandikisha rya sosiyete gitangwa na RDB) ahagarariye;
   - Kugaragaza uburyo azabyaza ibagiro umusaruro (business plan of the project);
   - Kugaragaza ibaruwa yemera ko yiteguye guhita atangira imirimo akimara guhabwa uburenganzira bwo gukoresha ibagiro; (commitment letter)
   - Icyangombwa kigaragaza ko yasuye ibagiro,
   - Kugaragaza amasezerano ariho umukono wa Noteri yagiranye na Veterinaire wemewe n'urugaga rw'abavuzi b'amatungo (Licence itangwa ya RCVD) n'icyangombwa cyo gupima inyama gitangwa na RICA ;
   - Kugaragaza igiciro azajya yishyuza ingurube yabazwe hatabariwemo imisoro;
   - Kuba yiteguye gusimbuza cyangwa gusana ibikoresho bishaje n'ibyangiritse mu gihe gusana cyangwa imirimo yo kubisimbuza no kubikoresha itarengeje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (200,000 Frw)
   - Kuba usaba asanzwe akora umwuga ufitanye isano n'uruhererekane nyongeragaciro rw'inyama byaba ari akarusho (Bikagaragazwa n'icyemezo cy'ipatante gitangwa na Rwanda Revenue Authority )

**ICYITONDERWA:**

**1.Gusura inyubako** bizakorwa ku wa mbere tariki ya **11/09/2023**, abazasura bazahurira aho ibagiro ryubatse mu Murenge wa Ruhashya Akagari ka Karama Umudugudu wa Nyakigezi saa tanu za mu gitondo **(110H00).**

2. **Guhitamo abazakoresha ibagiro rito ry'ingurube**
   Uzahabwa gukodesha ibagiro ry'ingurube ni uzaba yujuje ibyasabwe mu itangazo kandi yatanze igiciro cy'ubukode kiruta icyo abandi batanze,
3. **Gusinya amasezerano y'imikoreshereze y'ibagiro rito ry'ingurube**
   Amasezerano y'imicungire y'ibagiro rito ry'ingurube azasinywa hagati y'Akarere n'uhagarariye abazakoresha ibagiro rito ry'ingurube. Ayo masezerano azagaragaza inshingano za buri ruhande mu gukoresha iryo bagiro.

4. **Igihe ntarengwa n'uburyo dosiye zoherezwa**
   Uwifuza gupiganira ibagiro kandi wujuje ibisabwa byavuzwe haruguru, asabwe kugeza amabahasha afunze neza akubiyemo ibiciro n' ibyasabwe haruguru agizwe na kopi ebyiri(imwe y'umwimerere yanditseho ''ORIGINAL'' n'imwe ya fotokopi zanditseho "KOPI"mu biro bishinzwe amasoko ya Leta(Procurement office N° 110 ) bitarenze ku wa gatanu tariki ya **15/09/2023** saa yine zuzuye (**10H00**), gufungura amabahasha bizakorerwa mu ruhame uwo munsi saa munani zuzuye.

Nyuma y'iyi saha ubusabe buzoherezwa ntibuzakirwa.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara numero ya telefone 0788682839 cyangwa 0785199849

Bikorewe i Huye, ku wa 30/08 / 2023

AKARERE KA HUYE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**NSHIMIYIMANA Védaste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Huye**